REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA

AKARERE KA KARONGI

# ITANGAZO N°……. /…….. RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA GUKORESHA IVURIRO RY'AMATUNGO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa gupiganira gukoresha ivuriro ry'amatungo *(Proximity Veterinary Post)* riherereye mu Murenge wa Murambi, Akagari ka Shyembe Umudugudu wa Nyabaguma; ryubatswe ku bufatanye hagati y'Akarere n'umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi (PRISM), wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), ukorera mu Kigo Gishinzwe guteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

Mu rwego rw'ubufatanye na Leta (Public Private Partnership), Ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi burarikiye abavuzi b'amatungo bikorera, yaba abakorera muri koperative, abafite sosiyete/kampani ndetse n'abikorera ku giti cyabo (*Private Veterinary Practitioners*) bifuza gukoresha ivuriro ry'amatungo ryavuzwe haruguru kandi bujuje ibisabwa, kwitabira iri piganwa.

Uwifuza kubona Dosiye y'ipiganwa ashobora kuyihabwa ku cyicaro cy'Akarere ka Karongi, **guhera ku wa 30/03/2023.** Ibindi bisobanuro byose bijyana n'iri pigana byashakirwa ku Biro by'Akarere ka Karongi, no kuri Tel: 0783420855/ 0788326622

Abiyemeje gupiganira iri soko basabwe kuzageza amabahasha afunze neza akubiyemo inyandiko zirimo kopi enye (imwe y'umwimerere yanditseho "ORIGINAL" n'eshatu za fotokopi zanditseho "KOPI") ku cyicaro cy'Akarere ka Karongi bitarenze **ku wa kane tariki ya 6/04/2023** saa ine za mu gitondo (10h30am). Izo nyandiko zizaherekezwa kandi n'izindi mpapuro za ngombwa (Dossiers administratifs) zivugwa muri Dosiye y'ipiganwa.

**Gufungura amabahasha y'abapiganye bizakorwa mu ruhame uwo munsi kuwa ku wa kane tariki ya 6/4/2023 2023 i saa yine n'igice za mugitondo (10h30 am) ku cyicaro cy'Akarere.**

*Bikorewe i Karongi, ku wa 30/03/2023.*

*KARANGWA James*

*Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Karongi*